

ITEGEKO N° 059/2021 RYO KU WA 14/10/2021 RIGENGA FONDASIYO	LAW N° 059/2021 OF 14/10/2021 GOVERNING FOUNDATIONS	LOI N° 059/2021 DU 14/10/2021 RÉGISSANT LES FONDATIONS
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri tegeko rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'iri tegeko	<u>Article 2:</u> Scope of this Law	<u>Article 2 :</u> Champ d'application de la présente loi
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by'amagambo	<u>Article 3:</u> Definitions	<u>Article 3 :</u> Définitions
<u>Ingingo ya 4:</u> Ibiranga fondasiyo	<u>Article 4:</u> Characteristics of a foundation	<u>Article 4:</u> Caractéristiques d'une fondation
<u>Ingingo ya 5:</u> Amoko ya fondasiyo	<u>Article 5:</u> Types of foundations	<u>Article 5:</u> Types de fondations
<u>UMUTWE WA II:</u> ISHINGWA RYA FONDASIYO	<u>CHAPTER II:</u> INCORPORATION OF A FOUNDATION	<u>CHAPITRE II:</u> CONSTITUTION D'UNE FONDATION
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amategeko shingiro ya fondasiyo	<u>Section One:</u> Foundation Charter	<u>Section première :</u> Acte de constitution de la fondation

<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano yo kugira amategeko shingiro ya fondasiyo	<u>Article 6:</u> Obligation to have a foundation charter	<u>Article 6:</u> Obligation d’avoir un acte de constitution d’une fondation
<u>Ingingo ya 7:</u> Ibikubiye mu mategeko shingiro	<u>Article 7:</u> Contents of the charter	<u>Article 7:</u> Contenu de l’acte de constitution
<u>Ingingo ya 8:</u> Guhindura amategeko shingiro	<u>Article 8:</u> Modification of charter	<u>Article 8:</u> Modification de l’acte de constitution
<u>Ingingo ya 9:</u> Ibisabwa birebana n’izina	<u>Article 9:</u> Requirements for the name	<u>Article 9:</u> Exigences pour le nom
<u>Ingingo ya 10:</u> Imikoreshereze y’izina	<u>Article 10:</u> Use of name	<u>Article 10 :</u> Utilisation du nom
<u>Ingingo ya 11:</u> Guhindura izina	<u>Article 11:</u> Change of a name	<u>Article 11 :</u> Changement de nom
<u>Ingingo ya 12:</u> Intego ya fondasiyo	<u>Article 12:</u> Purpose of the Foundation	<u>Article 12 :</u> But de la fondation
<u>Ingingo ya 13:</u> Guhindura intego ya fondasiyo	<u>Article 13 :</u> Change of the purpose of a Foundation	<u>Article 13 :</u> Changement du but d’une fondation
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ishingwa n’iyandikishwa rya fondasiyo	<u>Section 2:</u> Establishment of a foundation	<u>Section 2 :</u> Constitution d’une fondation
<u>Ingingo ya 14:</u> Uburyo bw’ishingwa n’iyandikishwa rya fondasiyo	<u>Article 14:</u> Methods of establishment and registration of a foundation	<u>Article 14 :</u> Méthodes de constitution et enregistrement d’une fondation
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibikubiye mu nyandiko y’ishingwa rya fondasiyo hakoreshejwe inyandiko	<u>Article 15:</u> Content of a written declaration of establishment of a foundation	<u>Article 15:</u> Contenu d’une déclaration écrite de constitution d’une fondation
<u>Ingingo ya 16:</u> Ishingwa rya fondasiyo hakoreshejwe irage	<u>Article 16:</u> Establishment of the foundation by a will	<u>Article 16:</u> Constitution d’une fondation par voie testamentaire

<u>Ingingo ya 17:</u> Ubuzimagatozi bwa fondasiyo	<u>Article 17:</u> Legal personality of the Foundation	<u>Article 17 :</u> Personnalité juridique d'une fondation
<u>Ingingo ya 18:</u> Gusaba kwandikisha fondasiyo	<u>Article 18:</u> Application for registration of a foundation	<u>Article 18:</u> Demande d'enregistrement d'une fondation
<u>Ingingo ya 19:</u> Ushinzwe kwandika fondasiyo	<u>Article 19:</u> In-charge of foundation registration	<u>Article 19 :</u> Responsable de l'enregistrement des fondations
<u>UMUTWE WA III:</u> FONDASIYO MVAMAHANGA	<u>CHAPTER III:</u> FOREIGN FOUNDATIONS	<u>CHAPITRE III:</u> FONDATIONS ÉTRANGÈRES
<u>Ingingo ya 20:</u> Iyandikwa rya fondasiyo mvamahanga	<u>Article 20:</u> Registration of a foreign foundation	<u>Article 20:</u> Enregistrement d'une fondation étrangère
<u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa kugira ngo fondasiyo mvamahanga yagurire cyangwa yimurire ibikorwa byayo mu Rwanda	<u>Article 21:</u> Requirements for extension of the activities or re-domiciliation of a foreign foundation in Rwanda	<u>Article 21:</u> Conditions pour l'extension des activités ou la redomiciliation d'une fondation étrangère au Rwanda
<u>Ingingo ya 22:</u> Ingaruka zo kwagurira cyangwa kwimurira mu Rwanda fondasiyo mvamahanga	<u>Article 22:</u> Effects of extending activities and re-domiciliation of a foreign foundation in Rwanda	<u>Article 22:</u> Effets d'extension d'activités ou de re-domiciliation d'une fondation étrangère au Rwanda
<u>UMUTWE IV:</u> IMITERERE YA FONDASIYO	<u>CHAPTER IV:</u> ORGANISATION OF A FOUNDATION	<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION D'UNE FONDATION
<u>Ingingo ya 23:</u> Imiterere ya fondasiyo	<u>Article 23:</u> Organisation of the foundation	<u>Article 23 :</u> Organisation d'une fondation

<u>Icyiciro cya mbere:</u> Uwashinze fondasiyo	<u>Section One:</u> The founder	<u>Section première:</u> Le fondateur
<u>Ingingo ya 24:</u> Ibiranga uwashinze fondasiyo	<u>Article 24:</u> Characteristics of a founder	<u>Article 24:</u> Caractéristiques d'un fondateur
<u>Ingingo ya 25 :</u> Uburenganzira bw'uwashinze fondasiyo	<u>Article 25:</u> Rights of a founder	<u>Article 25 :</u> Droits d'un fondateur
<u>Ingingo ya 26:</u> Ingaruka z'urupfu rw'uwashinze fondasiyo	<u>Article 26:</u> Effects of the death of a founder	<u>Article 26:</u> Effets du décès d'un fondateur
<u>Ingingo ya 27:</u> Ivanwaho cyangwa ihindurwa ry'inyandiko y'ishingwa rya fondasiyo	<u>Article 27:</u> Revocation or amendment of the declaration of establishment of a foundation	<u>Article 27:</u> Révocation ou modification de la déclaration de constitution d'une fondation
<u>Icyiciro cya 2:</u> Umurinzi wa fondasiyo	<u>Section 2:</u> The guardian of a foundation	<u>Section 2 :</u> Le gardien d'une fondation
<u>Ingingo ya 28:</u> Ishyirwaho ry'umurinzi wa fondasiyo	<u>Article 28:</u> Appointment of a guardian of the foundation	<u>Article 28 :</u> Nomination d'un gardien d'une fondation
<u>Ingingo ya 29:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umurinzi wa fondasiyo	<u>Article 29:</u> Requirements to be a guardian of the foundation	<u>Article 29:</u> Conditions pour être gardien de la fondation
<u>Ingingo ya 30:</u> Inshingano z'umurinzi wa fondasiyo	<u>Article 30:</u> Duties of the guardian of a foundation	<u>Article 30:</u> Attributions du gardien d'une fondation
<u>Icyiciro cya 3:</u> Inama ya fondasiyo	<u>Section 3:</u> The foundation council	<u>Section 3 :</u> Le conseil d'une fondation
<u>Ingingo ya 31:</u> Abagize inama ya fondasiyo	<u>Article 31:</u> Membership of the foundation council	<u>Article 31:</u> Composition du conseil d'une fondation

<u>Ingingo ya 32:</u> Inshingano z’inama ya fondasiyo	<u>Article 32:</u> Responsibilities of the foundation council	<u>Article 32 :</u> Attributions du conseil de la fondation
<u>Ingingo ya 33:</u> Ibyo ugize inama ya fondasiyo agomba kuba yujuje	<u>Article 33:</u> Requirements for membership to the foundation council	<u>Article 33:</u> Conditions requises pour avoir la qualité de membre au conseil de la fondation
<u>Ingingo ya 34:</u> Kuva mu mwanya w’ugize inama ya fondasiyo	<u>Article 34:</u> Cessation of office of a member to the foundation council	<u>Article 34:</u> Cessation de fonction de membre du conseil de la fondation
<u>Ingingo ya 35:</u> Kumenyesha impinduka mu bagize inama ya fondasiyo	<u>Article 35:</u> Notification of change in membership	<u>Article 35 :</u> Notification du changement parmi les membres
<u>Icyiciro cya 4:</u> Umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo	<u>Section 4:</u> The executive secretary of the foundation	<u>Section 4:</u> Le secrétaire exécutif de la fondation
<u>Ingingo ya 36:</u> Ishyirwaho ry’umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo	<u>Article 36:</u> Appointment of the executive secretary of the foundation	<u>Article 36:</u> Nomination du secrétaire exécutif de la fondation
<u>Ingingo ya 37:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo	<u>Article 37:</u> Requirements for a person to become an executive secretary of the foundation	<u>Article 37:</u> Conditions requises pour qu’une personne soit nommée secrétaire exécutif de la fondation
<u>Ingingo ya 38:</u> Inshingano z’umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo	<u>Article 38:</u> Duties of the executive secretary of a foundation	<u>Article 38:</u> Attributions du secrétaire exécutif de la fondation
<u>Ingingo ya 39:</u> Kuva mu mwanya w’umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo	<u>Article 39:</u> Cessation of office of the executive secretary	<u>Article 39:</u> Cessation des fonctions du secrétaire exécutif de la fondation

<u>Icyiciro cya 5: Umugenerwabikorwa</u>	<u>Section 5: Beneficiary</u>	<u>Section 5 : Bénéficiaire</u>
<u>Ingingo ya 40:</u> Ibiranga umugenerwabikorwa	<u>Article 40:</u> Characteristics of a beneficiary	<u>Article 40:</u> Caractéristiques d'un bénéficiaire
<u>Ingingo ya 41:</u> Uburenganzira bw'umugenerwabikorwa muri fondasiyo	<u>Article 41:</u> Rights of a beneficiary under a foundation	<u>Article 41:</u> Droits d'un bénéficiaire en vertu d'une fondation
<u>Ingingo ya 42:</u> Uburenganzira bw'umugenerwabikorwa ku makuru	<u>Article 42:</u> Rights of a beneficiary to information	<u>Article 42 :</u> Droits du bénéficiaire aux informations
<u>Ingingo ya 43:</u> Kwima umugenerwabikorwa uburenganzira ku makuru no kuyatangaza	<u>Article 43:</u> Refusal of a beneficiary's right to information and disclosure	<u>Article 43:</u> Refus du droit d'un bénéficiaire aux informations et à leur divulgation
<u>UMUTWE WA V: URWEGO RUREBERERA FONDASIYO</u>	<u>CHAPTER V: SUPERVISORY AUTHORITY</u>	<u>CHAPITRE V: ORGANE DE SUPERVISION</u>
<u>Ingingo ya 44:</u> Urwego rureberera fondasiyo	<u>Article 44:</u> Supervisory authority	<u>Article 44:</u> Organe de supervision
<u>Ingingo ya 45:</u> Inshingano z'urwego rureberera fondasiyo	<u>Article 45:</u> Responsibilities of the supervisory authority	<u>Article 45:</u> Attributions de l'organe de supervision
<u>UMUTWE WA VI: UMUTUNGO WA FONDASIYO</u>	<u>CHAPTER VI: PROPERTY OF A FOUNDATION</u>	<u>CHAPITRE VI: PATRIMOINE D'UNE FONDATION</u>
<u>Ingingo ya 46:</u> Umutungo w'intangiriro	<u>Article 46:</u> Initial capital	<u>Article 46:</u> Capital initial

<u>Ingingo ya 47:</u> Impano	<u>Article 47:</u> Donation	<u>Article 47:</u> Don
<u>Ingingo ya 48:</u> Iyandikwa ry'impano	<u>Article 48:</u> Recording of donations	<u>Article 48:</u> Enregistrement des dons
<u>Ingingo ya 49:</u>Kubika inyandiko za fondasiyo	<u>Article 49:</u> Keeping the accounting records of the foundation	<u>Article 49 :</u> Conservation des documents comptables de la fondation
<u>UMUTWE WA VII:</u> IGITABO	<u>CHAPTER VII:</u> REGISTER	<u>CHAPITRE VII:</u> REGISTRE
<u>Ingingo ya 50:</u> Igitabo cya fondasiyo	<u>Article 50:</u> Register of foundations	<u>Article 50:</u> Registre des fondations
<u>Ingingo ya 51:</u> Kubona amakuru ari mu gitabo cya fondasiyo	<u>Article 51:</u> Access to information contained in the register of foundations	<u>Article 51:</u> Accès aux informations contenues dans le registre des fondations
<u>Ingingo ya 52:</u>Igitabo cy'abagize inama ya fondasiyo n'umurinzi wayo	<u>Article 52:</u> Register of members of the foundation and the guardian	<u>Article 52:</u> Registre des membres du conseil de la fondation et du gardien
<u>Ingingo ya 53:</u>Igitabo cyandikwamo nyiri inyungu nyawe	<u>Article 53:</u> Register of beneficial owner	<u>Article 53:</u> Registre du bénéficiaire effectif
<u>Ingingo ya 54:</u> Imicungire y'igitabo cya fondasiyo cyandikwamo nyiri inyungu nyawe	<u>Article 54:</u> Management of internal register of beneficial owner	<u>Article 54:</u> Gestion du registre interne du bénéficiaire effectif
<u>Ingingo ya 55:</u> Amakuru yandikwa mu gitabo cya fondasiyo cyandikwamo nyiri inyungu nyawe	<u>Article 55:</u> Particulars to be contained in the internal register of beneficial owner	<u>Article 55:</u> Coordonnées à porter au registre interne du bénéficiaire effectif
<u>Ingingo ya 56:</u> Kubona amakuru ari mu gitabo cya fondasiyo cyandikwamo nyiri inyungu nyawe kibikwa n'Umwanditsi	<u>Article 56:</u> Access to the internal register of beneficial owner	<u>Article 56 :</u> Accès au registre interne du bénéficiaire effectif

<u>Ingingo ya 57:</u> Gusaba amakuru yerekeye nyiri inyungu nyawe	<u>Article 57:</u> Request for information on the beneficial owner	<u>Article 57:</u> Demande d'informations sur le bénéficiaire effectif
<u>Ingingo ya 58:</u> Inshingano ya nyiri inyungu nyawe yo kumenyekanisha impinduka	<u>Article 58:</u> Duty of beneficial owner to notify changes	<u>Article 58:</u> Devoir du bénéficiaire effectif de notifier les changements
<u>Ingingo ya 59:</u> Igenzura rikozwe n'Umwanditsi	<u>Article 59:</u> Inspection by the Registrar	<u>Article 59:</u> Inspection par le Registraire
<u>UMUTWE WA VIII:</u> GUSIBA FONDASIYO MU GITABO, GUSESA NO GUSOZA IBIKORWA BYAYO	<u>CHAPTER VIII:</u> REMOVAL OF THE FOUNDATION FROM THE REGISTER, DISSOLUTION AND WINDING UP	<u>CHAPITRE VIII:</u> RADIATION D'UNE FONDATION DU REGISTRE, DISSOLUTION ET LIQUIDATION DE LA FONDATION
<u>Ingingo ya 60:</u> Gusiba fondasiyo mu gitabo	<u>Article 60:</u> Removal of the foundation from the register	<u>Article 60:</u> Radiation d'une fondation du registre
<u>Ingingo ya 61:</u> Gusaba isibwa rya fondasiyo mugitabo	<u>Article 61:</u> Request for removal of a foundation from the register	<u>Article 61:</u> Demande de radiation d'une fondation du registre
<u>Ingingo ya 62:</u> Gusesa fondasiyo	<u>Article 62:</u> Dissolution of a foundation	<u>Article 62 :</u> Dissolution d'une fondation
<u>Ingingo ya 63:</u> Gusesa fondasiyo bikoze n'inama ya fondasiyo	<u>Article 63:</u> Resolution for dissolution by the foundation council	<u>Article 63:</u> Décision de dissolution par le conseil de la fondation
<u>Ingingo ya 64:</u> Gutangaza icyemezo cyo gusesa fondasiyo no kuyisiba mu gitabo	<u>Article 64:</u> Publication of the decision for liquidation and removal of a foundation from the register	<u>Article 64:</u> Publication de la décision de liquidation et de radiation d'une fondation

<u>Ingingo ya 65:</u> Kubika inyandiko za fondasiyo yasheshwe	<u>Article 65:</u> Maintaining the books and records of a dissolved foundation	<u>Article 65 :</u> Conservation des documents et registres d'une fondation dissoute
<u>Ingingo ya 66:</u> Gusaba gusesa fondasiyo bitegetswe n'urukiko	<u>Article 66:</u> Application for dissolution of a foundation by a court	<u>Article 66:</u> Demande de dissolution d'une fondation sur ordonnance du tribunal
<u>Ingingo ya 67:</u> Impamvu zo gusaba urukiko gusesa fondasiyo	<u>Article 67:</u> Reasons of application for dissolution of a foundation by a court	<u>Article 67:</u> Motifs de demande de dissolution d'une fondation sur ordonnance du tribunal
<u>UMUTWE WA IX:</u> AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO	<u>CHAPTER IX:</u> FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES	<u>CHAPITRE IX:</u> FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Section One:</u> Faults and administrative sanctions	<u>Section première:</u> Fautes et sanctions administratives
<u>Ingingo ya 68:</u> Kutandikisha fondasiyo	<u>Article 68:</u> Failure to register a foundation	<u>Article 68 :</u> Défaut de faire enregistrer une fondation
<u>Ingingo ya 69:</u> Kutandikisha ihinduka ry'intego cyangwa indi mpinduka yabaye	<u>Article 69:</u> Failure to register a change of the purpose or to register any other change occurred	<u>Article 69:</u> Défaut de faire enregistrer la modification de l'objectif ou toute autre modification survenue
<u>Ingingo ya 70:</u> Kutabika, kubika nabi cyangwa kuterekana ibitabo by'ibaruramari	<u>Article 70:</u> Failure to keep, improper keeping of books of accounts or inability to present them	<u>Article 70:</u> Défaut de tenue des livres comptables, leur mauvaise tenue ou incapacité de les présenter
<u>Ingingo ya 71:</u> Kutagira igitabo cyandikwamo nyiri inyungu nyawe cyangwa kutacyuzuzwa	<u>Article 71:</u> Failure to maintain a register of beneficial owner or to enter the data in it	<u>Article 71:</u> Défaut de garder le registre du bénéficiaire effectif ou d'y porter les données

<u>Ingingo ya 72:</u> Kwanga guha amakuru fondasiyo	<u>Article 72:</u> Failure to provide information to the foundation	<u>Article 72 :</u> Défaut de donner à la fondation une information
<u>Ingingo ya 73:</u> Kutamenyekanisha gusesa fondasiyo	<u>Article 73:</u> Failure to notify the dissolution of a foundation	<u>Article 73:</u> Défaut de notifier la dissolution d'une fondation
<u>Ingingo ya 74:</u> Kudashyikiriza umwanditsi inyandiko za fondasiyo yasheshwe	<u>Article 74:</u> Failure to submit to the Registrar all records of the dissolved foundation	<u>Article 74 :</u> Défaut de déposer auprès du Registraire la documentation d'une fondation dissoute
<u>Ingingo ya 75:</u> Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 75:</u> Powers to apply administrative sanctions	<u>Article 75 :</u> Pouvoirs d'administrer les sanctions administratives
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibyaha n'ibihano	<u>Section 2:</u> Offences and penalties	<u>Section 2:</u> Infractions et peines
<u>Ingingo ya 76:</u> Gutanga amakuru abeshya cyangwa ayobya mu busabe bwo kwandikisha fondasiyo	<u>Article 76:</u> Providing false or misleading information in application for incorporation	<u>Article 76:</u> Donner des informations fausses ou trompeuses lors de la demande de constitution
<u>Ingingo ya 77:</u> Kwakira impano itemewe	<u>Article 77:</u> Receiving unlawful donations	<u>Article 77 :</u> Accepter les dons illicites
<u>Ingingo ya 78:</u> Kudatanga amakuru yerekeye fondasiyo	<u>Article 78:</u> Failure to provide information	<u>Article 78:</u> Défaut de donner des informations

UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	CHAPTER X: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE X: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 79:</u> Amafaranga yishyurwa kuri serivisi zitangwa n'Umwanditsi	<u>Article 79:</u> Fees payable for services offered by the Registrar	<u>Article 79:</u> Frais payables pour les services du Registraire
<u>Ingingo ya 80:</u> Gushyiraho amabwiriza	<u>Article 80:</u> Establishing instructions	<u>Article 80:</u> Mise en place des instructions
<u>Ingingo ya 81:</u> Igihe cy'inziyacyuho	<u>Article 81:</u> Transitional period	<u>Article 81:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 82:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 82:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 82:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 83:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko	<u>Article 83:</u> Repealing provision	<u>Article 83:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 84:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 84:</u> Commencement	<u>Article 84:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 059/2021 RYO KU WA 14/10/2021 RIGENGA FONDASIYO Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMUJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Nyakanga 2021; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 122 n’iya 176; YEMEJE:	LAW N° 059/2021 OF 14/10/2021 GOVERNING FOUNDATIONS We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 30 July 2021; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122 and 176; ADOPTS:	LOI N° 059/2021 DU 14/10/2021 RÉGISSANT LES FONDATIONS Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 30 juillet 2021 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122 et 176 ; ADOPTE :
--	---	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigenga fondasiyo. <u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'iri tegeko Iri tegeko rireba fondasiyo yashingiwe mu Rwanda cyangwa mu mahanga kandi yanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by'amagambo Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira: 1° igitabo: igitabo cyandikwamo amakuru atandukanye ya fondasiyo ku mpapuro cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga; 2° igitabo cyandikwamo nyiri inyungu nyawe: igitabo cyandikwamo amakuru yerekeye nyiri inyungu nyawe;	<u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law governs foundations. <u>Article 2:</u> Scope of this Law This Law applies to a foundation established in Rwanda or in a foreign country and registered in accordance with this Law. <u>Article 3:</u> Definitions Under this Law, the following terms have the following meanings: 1° register: a hard or electronic register in which different data on a foundation are recorded; 2° register of a beneficial owner: the register in which information on the beneficial owner of foundation is recorded;	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi régit les fondations. <u>Article 2:</u> Champ d'application de la présente loi La présente loi s'applique à une fondation créée au Rwanda ou dans un pays étranger et enregistrée conformément à la présente loi. <u>Article 3 :</u> Définitions Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes : 1° registre : un livre physique ou électronique dans lequel les différentes données sur une fondation sont inscrites ; 2° registre d'un bénéficiaire effectif: registre dans lequel l'information sur le bénéficiaire effectif est répertorié;

3° ikigo gifite ubuzimagatozi: isosiyete y'ubucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi, koperative, umuryango, cyangwa urundi rwego rutari umuntu ku giti cye bihabwa uburenganzira n'inshingano imbere y'amategeko; 4° impano: inkunga y'umutungo uhawe fondasiyo n'undi muntu; 5° inama ya fondasiyo: urwego rwa fondasiyo rufite inshingano yo gucunga umutungo wayo no kuyifasha kugera ku ntego zayo; 6° inyandiko y'ibaruramari: inyandiko yemejwe n'inama ya fondasiyo, igaragaza mu buryo nyakuri uko imari iteye, uko yakoreshejwe, amafaranga yasohotse n'ayinjiye muri fondasiyo kandi ikaba ikubiyemo amakuru asabwa n'Umwanditsi; 7° inzego zibifitiye ububasha: Intumwa Nkuru ya Leta, inzego za Leta zifite mu nshingano: a) iperereza;	3° legal entity: a company, partnership, cooperative, organisation or any other organ which is not a natural person and which is subject of rights and obligations in law; 4° donation: a contribution of property provided to the foundation by a third party; 5° foundation council: an organ mandated to administer the foundation's property and to carry out its objectives; 6° financial statement: a statement approved by foundation council, which presents fairly the financial position, financial performance and cash flow of a foundation and contains such other information required by the Registrar; 7° competent organs: Attorney General, Government institutions in charge of: a) investigations;	3° personne morale : société commerciale, société des personnes, coopérative, organisation ou tout autre organe qui n'est pas une personne physique et auquel la loi confère des droits et obligations ; 4° un don : apport de biens accordé à la fondation par un tiers. 5° conseil de la fondation : organe chargé d'administrer le patrimoine de la fondation et de réaliser ses objectifs ; 6° état financier: rapport approuvé par le conseil de la fondation présentant de manière juste la situation financière, le rendement financier et les flux de trésorerie d'une fondation et contenant toute autre information requise par le Registraire; 7° organes compétents : Garde des sceaux, les institutions de l'État ayant dans leurs attributions : a) les renseignements ;
---	---	---

b) gutuma amategeko yubahirizwa; c) imisoro n'amahoro; d) ubutasi ku mari; e) kugenzura urwego rw'imari; 8° itangwa ry'umutungo: kwegurira burundu fondasiyo uburenganzira ku mutungo kugira ngo uwo mutungo uhinduke uwayo; 9° nyiri inyungu nyawe: umuntu ku giti cye washinze fondasiyo, uyifitemo inyungu cyangwa uyifiteho ububasha mu buryo nyakuri harimo: a) uwashinze fondasiyo cyangwa ushinzwe kurangiza irage; b) umurinzi; c) ugize inama ya fondasiyo; d) abagenerwabikorwa;	b) law enforcement; c) revenues; d) financial intelligence; e) monitoring the financial sector; 8° endowment: absolute transfer of the title of the property to a foundation so that the property becomes the property of the foundation; 9° beneficial owner: a natural person who is the founder of the foundation, the beneficiary or the person who exert real influence on the foundation including: a) the founder or the will executor; b) the guardian; c) a member the Foundation Council; d) beneficiaries;	b) l'application des lois ; c) les recettes ; d) le renseignement financier ; e) le contrôle du secteur financier ; 8° dotation : transfert absolu du titre de propriété d'un bien à une fondation de sorte que cette propriété devienne la propriété de cette fondation; 9° bénéficiaire effectif : personne physique fondateur de la fondation, le bénéficiaire ou la personne qui exerce une influence réelle sur la fondation y compris : a) le fondateur ou l'exécuteur testamentaire ; b) le gardien ; c) le membre du Conseil de la fondation ; d) les bénéficiaires ;
--	---	---

e) undi muntu wese wagaragara ko afite ububasha kuri fondasiyo. 10° umugenerwabikorwa: umuntu uhabwa inyungu zikomoka ku bikorwa n'imitungo ya fondasiyo hashingiwe ku biteganywa n'amategeko shingiro yayo; 11° umugenerwabikorwa usigaye: umuntu, hakurikijwe amategeko shingiro ya fondasiyo, ufite ubureganzira bwo guhabwa umutungo usagutse nyuma y'iseswa rya fondasiyo; 12° umuntu: umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi, koperative, umuryango, ikigo cyangwa urwego bifite ubuzimagatozi; 13° umurinzi wa fondasiyo: umuntu ukurikirana uko inama ya fondasiyo irangiza neza inshingano zayo nk'uko biteganywa muri iri tegeko no mu mategeko shingiro ya fondasiyo; 14° umutungo wa fondasiyo: umutungo wimukanwa n'utimukanwa aho waba uherereye hose hamwe n'ubureganzira	e) any other person who may have influence on the foundation. 10° beneficiary: the person who, according to a charter, is entitled to receive any benefits or proceeds from activities and property of the foundation; 11° remaining beneficiary: the person who, according to a charter, is entitled to receive any property remaining after the dissolution or winding-up of a foundation; 12° person: a natural person, a company, cooperative, organisation, enterprise or organ with legal personality; 13° guardian: person who ensures that the foundation council carries out its functions as specified under this Law and in the charter of the foundation; 14° property of the foundation: movable and immovable property, wherever situated, and rights and interests in the property, whether	e) toute autre personne qui peut avoir une influence sur la fondation. 10° bénéficiaire : personne qui, selon l'acte de constitution, peut recevoir les bénéfices ou produits des activités ou du patrimoine de la fondation ; 11° bénéficiaire restant: personne qui, selon l'acte de constitution, est en droit de recevoir tous le patrimoine restant après la dissolution ou la liquidation d'une fondation ; 12° personne : individu, société commerciale, coopérative, organisation, entreprise ou organe dotés de la personnalité juridique ; 13° gardien : personne qui s'assure que le conseil de la fondation exerce ses fonctions prévues dans la présente loi et dans l'acte de constitution de la fondation ; 14° patrimoine d'une fondation : biens meubles et immeubles, où qu'ils se trouvent, et les droits et intérêts sur ces biens, qu'ils soient
--	---	--

n'inyungu biwushingiyeho, bwaba buriho cyangwa bushobora kubaho, bushobora kwamburwa cyangwa buzabaho; 15° Umwanditsi: urwego rwa Leta rushinzwe kwandika fondasiyo no kureberera ibikorwa byayo; 16° uwashinzwe kurangiza irage: umuntu wavuzwe mu irage, cyangwa washyizweho na nyiri irage kugira ngo arangize ibyo riteganywa. <u>Ingingo ya 4:</u> Ibiranga fondasiyo Fondasiyo irangwa n'ibi bikurikira: 1° kuba ifite ubuzimagatozi butandukanye n'ubw'uwayishinze; 2° kuba ifite intego imwe cyangwa nyinshi zishobora kuba zifitanye cyangwa zidafitanye isano n'ibikorwa by'ubugiraneza; 3° kuba umutungo wayo utandukanye n'uw'uwayishinze;	vested, contingent, defeasible or future; 15° Registrar: a public organ in charge of registration of foundations and supervision of their activities; 16° executor: a person named in a will, or nominated by the testator, to carry out the directions of the will; <u>Article 4:</u> Characteristics of a foundation A foundation has the following characteristics: 1° be a separate legal entity from its founder; 2° have one or more objectives which may be charitable or non-charitable; 3° make its property legally independent from the founder's;	acquis, conditionnels, révocables ou futurs; 15° Registraire: organe public chargé de l'enregistrement des fondations et de la supervision de leurs activités; 16° exécuteur testamentaire: personne nommée dans un testament, ou désignée par un testateur, pour exécuter le testament; <u>Article 4:</u> Caractéristiques d'une fondation Une fondation a des caractéristiques suivantes : 1° être une personne morale dotée d'une personnalité juridique distincte de celle de son fondateur ; 2° avoir un ou plusieurs objectifs qui peuvent être caritatifs ou non ; 3° séparer juridiquement son patrimoine de ceux de son fondateur;
---	--	--

4° kuba igaragaza mu mategeko shingiro yayo umugenerwabikorwa cyangwa abagenerwabikorwa bayo. <u>Ingingo ya 5: Amoko ya fondasiyo</u> Amoko ya fondasiyo ni aya akurikira: 1° fondasiyo y’inyungu bwite; 2° fondasiyo y’inyugu zisangiwe; 3° fondasiyo y’inyungu zivanze. Fondasiyo y’inyungu bwite ni fondasiyo, hakurikijwe amategeko shingiro, ikora gusa ibikorwa by’inyungu bwite cyangwa iz’umuntu ku giti cye harimo imicungire y’umutungo uzungurwa igihe uwashinze fondasiyo azaba atakiriho n’irindi shoramari mu by’ubucuruzi kugira ngo hongerwe umutungo wa fondasiyo. Fondasiyo y’inyugu zisangiwe ni fondasiyo, hakurikijwe amategeko shingiro, igenewe gusa cyangwa mu buryo bwiganje ibikorwa bigamije inyungu zisangiwe, harimo: a) guteza imbere ibikorwa by’imibereho myiza bigamije:	4° identify in its charter the beneficiary or beneficiaries. <u>Article 5: Types of foundations</u> Foundations are classified into the following types: 1° private-benefit foundation; 2° common-benefit foundation; 3° mixed-benefit foundation. A private-benefit foundation is a foundation which, according to the charter, is entirely intended to serve private or personal purposes that include estate planning and other investment in commercial activities in order to grow its property. A common-benefit foundation is a foundation whose activity, according to the charter, serves exclusively or predominantly common benefit purposes, which includes: a) promotion of social services aiming at:	4° indiquer dans l’acte de constitution son ou ses bénéficiaires. <u>Article 5: Types de fondations</u> Les fondations sont classifiées dans les types suivants: 1° fondation d’utilité privée ; 2° fondation d’utilité commune ; 3° fondation d’utilité mixte. Une fondation d’utilité privée est une fondation qui, selon l’acte de constitution, est entièrement destinée à un objectif d’intérêt privé ou personnel qui comprennent la planification immobilière et d’autres investissements dans des activités commerciales afin de faire croître son patrimoine. Une fondation d’utilité commune est une fondation dont l’activité, selon l’acte de constitution, est destinée exclusivement ou d’une manière prédominante, à un objectif d’intérêt commun, y compris : a) la promotion des services sociaux visant :
---	---	---

i. kugabanya ubukene, ii. guteza imbere uburezi, iii. guteza imbere ubuzima. b) guteza imbere ibikorwa bigamije iterambere ry'abaturage bishingiye ku iyobokamana; c) kurengera ibidukikije; d) guteza imbere uburenganzira n'ubwisanzure bya muntu; e) indi ntego ifitiye akamaro rubanda muri rusange iteganywa mu mategeko shingiro ishobora kwemerwa n'Umwanditsi. Fondasiyo y'inyungu zivanze ni fondasiyo, hakurikijwe amategeko shingiro, igenewe gukora ishoramari mu bikorwa by'ubucuruzi kugira ngo hagerwe ku ntego y'ibikorwa by'inyungu bwite cyangwa z'umuntu ku giti cye kandi igashora igice cy'ibyo yinjije mu mishinga ifitiye inyungu rubanda.	i. relief of poverty; ii. promotion of education; iii. promotion of health. b) promotion of religion based social services; c) protection of the environment; d) promotion of human rights and freedoms; e) any other purpose beneficial to the general public which is provided in the charter and which may be approved by the Registrar. A mixed-benefit foundation is a foundation which, according to the charter, is intended to do investment in commercial activities in order to serve private or personal purposes and partly invest its revenues in social impact projects.	i. la réduction de la pauvreté; ii. la promotion de l'éducation; iii. la promotion de la santé. b) la promotion des services sociaux basés sur la religion; c) la protection de l'environnement; d) la promotion des droits et des libertés de la personne ; e) toute autre fin bénéfique au grand public prévu dans l'acte de constitution et pouvant être approuvé par le Registrare. Une fondation d'utilité mixte est une fondation qui, selon l'acte de constitution, est destinée à investir dans des activités commerciales afin de servir un objectif privé ou personnel et à investir en partie ses revenus dans des projets à impact social.
---	--	--

<u>UMUTWE WA II: ISHINGWA RYA FONDASIYO</u> <u>Icyiciro cya mbere: Amategeko shingiro ya fondasiyo</u> <u>Ingingo ya 6: Inshingano yo kugira amategeko shingiro ya fondasiyo</u> Fondasiyo igomba kugira amategeko shingiro agenga ubuzima bwayo kandi yubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 7: Ibikubiye mu mategeko shingiro</u> Amategeko shingiro ya fondasiyo akubiyemo nibura ibi bikurikira: 1° izina rya fondasiyo; 2° ubwoko bwa fondasiyo; 3° ibiranga uwashinze fondasiyo, ari byo: a) izina rye na aderesi ye iyo ari umuntu ku giti cye; b) izina na aderesi by'ikigo mu gihe uwashinze fondasiyo ari	<u>CHAPTER II: INCORPORATION OF A FOUNDATION</u> <u>Section One: Foundation Charter</u> <u>Article 6: Obligation to have a foundation charter</u> A foundation must have a charter regulating its life and which complies with the provisions of this Law. <u>Article 7: Contents of the charter</u> The foundation charter includes at least the following: 1° the name of the foundation; 2° the type of the foundation; 3° particulars of the founder of a foundation, namely: a) his or her name and address, when the founder is an individual; b) name and registered address of the entity when the founder is a	<u>CHAPITRE II: CONSTITUTION D'UNE FONDATION</u> <u>Section première : Acte de constitution de la fondation</u> <u>Article 6: Obligation d'avoir un acte de constitution d'une fondation</u> Une fondation doit avoir un acte de constitution régissant son existence et qui se conforme aux dispositions de la présente loi. <u>Article 7: Contenu de l'acte de constitution</u> L'acte de constitution d'une fondation contient au moins les éléments suivants : 1° le nom de la fondation; 2° le type de la fondation; 3° les coordonnées du fondateur d'une fondation, à savoir: a) son nom et son adresse, lorsque le fondateur est une personne physique; b) le nom et l'adresse enregistré de l'entité, lorsque le fondateur est
---	---	---

ikigo gifite ubuzimagatozi, imyirondoro y'abayobozi bacyo, iy'abagize inama y'ubutegetsi niy'abagize urwego nyobozi b'icyo kigo.	legal entity, particulars of its managers, members of the board of directors and members of a governing body of such a legal entity;	une personne morale, les coordonnées de ses dirigeants, membres du conseil d'administration ainsi que des membres d'un organe directeur de cette personne morale ;
c) izina rye na aderesi ye yandikishije mu Rwanda mu gihe uwashinze fondasiyo adatuye mu Rwanda;	c) his or her name and registered address in Rwanda when the founder is not resident in Rwanda;	c) son nom et son domicile élu enregistré au Rwanda lorsque le fondateur ne réside pas au Rwanda ;
4° intego n'ibigamijwe na fondasiyo;	4° the purpose and objectives of the foundation;	4° le but et les objectifs de la fondation ;
5° kugaragaza umutungo fatizo washyizwe muri fondasiyo;	5° indication of the endowment of the property which shall be the initial assets of the foundation;	5° l'indication de la dotation constituant l'actif initial de la fondation ;
6° umugenerwabikorwa wa fondasiyo cyangwa uburyo umugenerwabikorwa ashobora gushyirwaho, kumanwaho n'ingingo z'ishyirwaho ry'abandi bagenerwabikorwa nyuma y'ishingwa rya fondasiyo;	6° the beneficiary of the foundation or the procedure by which a beneficiary may be appointed, removed and provisions for appointment of additional beneficiaries after establishing the foundation;	6° le bénéficiaire de la fondation ou la procédure de désignation, de révocation d'un bénéficiaire et les dispositions relatives à la nomination de bénéficiaires supplémentaires après la création de la fondation;
7° igihe fondasiyo izamara;	7° the term for which the foundation is established;	7° la durée pour laquelle la fondation est établie;
8° izina na aderesi by'umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo;	8° the name and address of the Executive Secretary of the foundation;	8° le nom et l'adresse du secrétaire exécutif de la fondation;

9° aderesi y'icyicaro cyandikishijwe cya fondasiyo mu Rwanda; 10°uburyo bwo gushyiraho inama ya fondasiyo n'umurinzi wa fondasiyo, uko bavaho n'igihe bamara muri iyo mirimo n'ububasha n'inshingano byayo; 11°ingingo zerekeye ubugenzuzi bw'imari n'umutungo bya fondasiyo; 12°ingingo zirebana n'iseswa rya fondasiyo harimo izisobanura uko buri kintu kigize umutungo wa fondasiyo yasheshwe ku bushake kizakoreshwa. <u>Ingingo ya 8: Guhindura amategeko shingiro</u> Amategeko shingiro ya fondasiyo ashobora kuvugururwa bikozwe n'inama ya fondasiyo hubahirijwe ibiteganywa n'iri tegeko. Impinduka zakozwe zimenyeshwa Umwanditsi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uherye ku munsu w'iryo hinduka kandi zigira agaciro	9° the address of the registered office of the foundation in Rwanda; 10°the procedure for appointment of the foundation council and of a guardian of a foundation, their removal and term of office as well as their powers and duties; 11°provisions relating to the foundation financial and property audit; 12°provisions relating to the winding up of the foundation including provisions specifying the fate of any assets of the foundation that is wound up voluntarily. <u>Article 8: Modification of charter</u> The foundation charter may be modified by the foundation council and in compliance with the provisions of this Law. The modifications made are notified to the Registrar within fifteen (15) working days as of the date such modifications are made	9° l'adresse du siège social de la fondation au Rwanda; 10°la procédure de nomination du conseil de la fondation et d'un gardien de la fondation, leur révocation et mandat ainsi que leurs pouvoirs et attributions; 11°les dispositions relatives à l'audit financier et du patrimoine de la fondation; 12°les dispositions relatives à la dissolution de la fondation notamment les dispositions indiquant l'affectation de chaque bien du patrimoine de la fondation au moment de la dissolution volontaire. <u>Article 8: Modification de l'acte de constitution</u> L'acte de constitution d'une fondation peut être modifié par le conseil de la fondation et ce conformément aux dispositions de la présente loi. Les modifications opérées sont notifiées au Registraire endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de ces modifications et prennent effet à partir du
---	---	---

guhera ku munsu Umwanditsi azandikiye mu gitabo.	and they take effect when the Registrar makes their entry in the register.	jour de leur mention au registre par le Registraire.
<u>Ingingo ya 9: Ibisabwa birebana n'izina</u>	<u>Article 9: Requirements for the name</u>	<u>Article 9: Exigences pour le nom</u>
Amategako shingiro ya fondasiyo agomba kugaragaza izina ryayo, risozwa n'ijambo «Foundation».	The foundation charter must specify the name of the foundation, which ends with the word “Foundation”.	L’acte de constitution d’une fondation doit déterminer le nom de la fondation qui se termine par le mot « Foundation ».
Izina rya fondasiyo ntirigomba gutera urujijo, rigomba kuba ritanyuranyije n’umuco w’Igihugu. Fondasiyo ntishobora kwandikwa mu gihe izina ryayo ririmo ibi bikurikira:	The name of a foundation must not be misleading and must not be against good morals. A foundation cannot be registered if its name contains the following:	Le nom d’une fondation ne doit pas prêter à confusion et ne doit pas être contraire aux bonnes mœurs. Une fondation ne peut pas être enregistrée si son nom contient ce qui suit:
1° ijambo «limited»; indi mpine iyo ari yo yose cyangwa indi miterere y’ijambo «limited»;	1° the word “limited” or any abbreviation or any other form of the word “limited”;	1° le mot « limited » ou toute abréviation ou toute autre forme du mot « limited »;
2° ijambo «company», indi mpine iyo ari yo yose cyangwa indi miterere y’ijambo «company»;	2° the word “company” or an abbreviation or any other form of the word “company”;	2° le mot « company » ou une abréviation ou toute autre forme du mot « company »;
3° ijambo «partnership» cyangwa «société» cyangwa indi mpine iyo ari yo yose cyangwa indi miterere y’ijambo «partnership» cyangwa «société».	3° the word “partnership” or “société” or an abbreviation or any other form of the word “partnership” or “société”.	3° le mot « partnership » ou « société » ou une abréviation ou toute autre forme du mot « partnership » ou « société ».
Fondasiyo ntishobora kwandikwa ku izina risa n’irya fondasiyo isanzweho, iry’isosiyete y’ubucuruzi isanzweho yanditswe n’Umwanditsi cyangwa	A foundation cannot be registered under a name which is identical to the name of an existing foundation, an existing company registered with the Registrar or any other	Une fondation ne peut pas être enregistrée sous un nom identique au nom d’une fondation existante, d’une société commerciale existante enregistrée auprès

iry'undi muryango uwo ari wo wose ukorera ubucuruzi mu Rwanda. Uretse mu gihe Umwanditsi abyemeye, nta fondasiyo ishobora kwandikwa ku izina mu gihe Umwanditsi abona ko iryo zina risa n'irivuga ko iyo fondasiyo iterwa inkunga na Leta cyangwa ifite uburyo ifatanyamo na Leta, sosiyete ya Leta, Guverinoma y'ikindi gihugu cyangwa undi muryango wigenga. <u>Ingingo ya 10: Imikoreshereze y'izina</u> Mu mikoranire yayo n'abandi, fondasiyo igomba kureba ko izina ryayo ryanditswe neza yitaye cyane cyane kuri ibi bikurikira: 1° inyangiko yoherejwe na fondasiyo cyangwa mu izina ryayo; 2° inyangiko itanzwe cyangwa ishyizweho umukono na fondasiyo cyangwa mu izina ryayo; 3° inyangiko igaragaza cyangwa ishyiraho inshingano kuri fondasiyo.	organisation carrying out business in Rwanda. Except with the consent of the Registrar, a foundation cannot be registered under a name which, in the Registrar's opinion, suggests or is likely to suggest that it enjoys the patronage of the Government or that the foundation works in partnership with the Government, a statutory corporation, Government of any other State or any other private organisation. <u>Article 10: Use of name</u> When dealing with third parties, a foundation ensures that its name is clearly stated, particularly for the following: 1° a written communication sent by the foundation or on its behalf; 2° a document issued or signed by the foundation or on its behalf; 3° a document evidencing or creating a legal obligation of the foundation.	du Registraire ou de toute autre organisation exerçant des activités commerciales au Rwanda. Sauf avec le consentement du Registraire, une fondation ne peut pas être enregistrée sous un nom qui, de l'avis du Registraire, suggère ou est susceptible de suggérer que la fondation bénéficie du patronage du Gouvernement ou que la fondation travaille en partenariat avec le Gouvernement, une société de droit public, le Gouvernement d'un autre État ou toute autre organisation privée. <u>Article 10 : Utilisation du nom</u> Lors de ses rapports avec des tiers, une fondation s'assure que son nom est clairement écrit, particulièrement pour ce qui suit : 1° une communication écrite émise par ou au nom de la fondation; 2° un document émis ou signé par ou au nom de la fondation; 3° un document portant la preuve ou créant des obligations pour la fondation.
---	---	--

<u>Ingingo ya 11: Guhindura izina</u> Fondasiyo ishobora guhindura izina ryayo bitangiwe uruhushya n'Umwanditsi.	<u>Article 11: Change of a name</u> A foundation may change its name upon authorization by the Registrar.	<u>Article 11 : Changement de nom</u> La fondation peut changer son nom sur autorisation du Registraire.
<u>Ingingo ya 12: Intego ya fondasiyo</u> Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko, intego ya fondasiyo iteganywa mu mategeko shingiro yayo. Intego n'ibigamijwe na fondasiyo ntibigomba kuba binyuranyije n'amategeko y'u Rwanda.	<u>Article 12: Purpose of the Foundation</u> Subject to the provisions of Article 5 of this Law, the foundation purpose is provided in its charter. The purpose and objectives of a foundation must not be contrary to the laws of Rwanda.	<u>Article 12 : But de la fondation</u> Sans préjudice des dispositions de l'article 5 de la présente loi, le but d'une fondation est prévu dans son acte de constitution. Le but et les objectifs d'une fondation ne doivent pas être contraires aux lois du Rwanda.
<u>Ingingo ya 13: Guhindura intego ya fondasiyo</u> Fondasiyo ishobora guhindura intego yayo bitangiwe uruhushya n'Umwanditsi.	<u>Article 13 : Change of the purpose of a Foundation</u> A foundation may change its purpose upon authorization by the Registrar.	<u>Article 13 : Changement du but d'une fondation</u> La fondation peut changer son but sur autorisation du Registraire.
<u>Icyiciro cya 2: Ishingwa n'iyandikishwa rya fondasiyo</u>	<u>Section 2: Establishment of a foundation</u>	<u>Section 2 : Constitution d'une fondation</u>
<u>Ingingo ya 14: Uburyo bw'ishingwa n'iyandikishwa rya fondasiyo</u> Fondasiyo ishingwa hakoreshejwe bumwe muri ubu buryo: 1° inyangiriki y'ishingwa;	<u>Article 14: Methods of establishment and registration of a foundation</u> A foundation is established through the following methods: 1° by a written declaration of establishment;	<u>Article 14 : Méthodes de constitution et enregistrement d'une fondation</u> Une fondation est constituée par les voies suivantes : 1° voie d'une déclaration écrite de constitution ;

2° irage; 3° iyandikwa. Fondasiyo ishinze hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo itangira kubaho no gukora ibikorwa byayo imaze kwandikwa n'Umwanditsi. <u>Ingingo ya 15: Ibikubiye mu nyandiko y'ishingwa rya fondasiyo hakoreshejwe inyandiko</u> Fondasiyo ishingwa hakoreshejwe inyandiko igaragaza ibi bikurikira: 1° intego ya fondasiyo; 2° ibikorwa by'ingenzi; 3° umutungo wa fondasiyo. Amabwiriza y'Umwanditsi ashobora kugena ibindi byakwiyongera mu nyandiko y'ishingwa rya fondasiyo.	2° by a will; 3° by registration. A foundation established in accordance with the provisions of Paragraph One of this Article comes into existence and starts its activities after being registered by the Registrar. <u>Article 15: Content of a written declaration of establishment of a foundation</u> A foundation is established by a written declaration of establishment indicating the following: 1° the purpose of the foundation; 2° main activities; 3° property of the foundation. Instructions by the Registrar may determine additional indications to be contained in a declaration of establishment of the foundation.	2° voie testamentaire ; 3° voie d'enregistrement. Une fondation qui est constituée conformément aux dispositions de l'alinéa premier du présent article prend naissance et commence ses activités après avoir été enregistrée par le Registraire. <u>Article 15: Contenu d'une déclaration écrite de constitution d'une fondation</u> Une fondation est établie par une déclaration écrite de constitution contenant les indications suivantes : 1° le but de la fondation; 2° activités principales; 3° le patrimoine de la fondation. Les instructions du Registraire peuvent déterminer les indications supplémentaires à mentionner dans la déclaration de constitution d'une fondation.
--	---	--

<u>Ingingo ya 16: Ishingwa rya fondasiyo hakoreshejwe irage</u>	<u>Article 16: Establishment of the foundation by a will</u>	<u>Article 16: Constitution d'une fondation par voie testamentaire</u>
Fondasiyo ishobora gushingwa hakoreshejwe irage hakurikijwe amategeko abigenga.	A foundation may be established by a will in accordance with relevant laws.	Une fondation peut être constituée par voie testamentaire conformément aux lois y relatives.
Mu gihe fondasiyo ishinze hakoreshejwe irage, iryo rage rigira agaciro nk'ak'amategeko shingiro kandi uwaraze ni we wenyine uba uwayishinze.	Where a foundation is established by a will, such a will has the same value as the charter and the testator is the only founder.	Lorsqu'une fondation est constituée par voie testamentaire, le testament a valeur de l'acte de constitution et le testateur est l'unique fondateur.
Iyo abaraze babiri (2) cyangwa benshi bakoze irage mu gihe kimwe rishyiraho fondasiyo kandi iryo rage ryose rikagirira agaciro igihe kimwe, abaraze bose bafatwa nk'ushinze fondasiyo umwe.	Where two (2) or more testators have made concurrent wills establishing a foundation and those wills take effect simultaneously, the testators are considered to be one founder.	Lorsque deux (2) testateurs ou plus ont rédigé des testaments concomitants constituant une fondation et que ces testaments prennent effet simultanément, les testateurs sont considérés comme un fondateur unique.
Fondasiyo ntishobora gutangira kubaho ngo hatangwe inyandiko y'ishingwa rya fondasiyo hakoreshejwe irage mbere y'urupfu rw'uwaraze cyangwa hari amasezerano y'izungura, keretse iyo ushinze fondasiyo abiteganyije ukundi cyangwa fondasiyo ikaba igomba gutangira kubaho nyuma y'urupfu rw'umwe mu bayishinze.	Entry into force of a foundation or the deposition of a notification of formation of a foundation formed by a will cannot be undertaken before the death of the founder or in the case of a contract of inheritance, except when the founder stipulates otherwise or the foundation is supposed to take effect after the death of one of the founders.	L'entrée en vigueur d'une fondation ou le dépôt d'une notification de formation d'une fondation constituée par voie testamentaire n'est pas effective avant le décès du fondateur ou en cas de contrat d'héritage, sauf lorsque le fondateur en prévoit autrement ou la fondation est censée prendre effet après le décès de l'un des fondateurs.
Uwashinze kurangiza irage ashiraho inama ya fondasiyo hakurikijwe irage kandi akamenyesha inama ya fondasiyo	The executor of a will appoints a foundation council in accordance with the will and periodically keeps the foundation	L'exécuteur testamentaire nomme un conseil de la fondation conformément aux dispositions du testament et tient périodiquement le conseil de la fondation

aho ibyerekeranye n'iyandikwa rya fondasiyo bigeze. Iyo nyuma y'amezi cumi n'abiri (12) uherye igihe uwayishinze yapfiriye, iyandikwa rya fondasiyo ritarakorwa, uwashinzwe kurangiza irage asaba urukiko gushyiraho umucungamutungo kugira ngo arebe ko fondasiyo yandikwa kandi ko umutungo watanzwe kugira ngo ube umutungo shingiro wa fondasiyo watanzwe uko irage ribiteganywa. <u>Ingingo ya 17: Ubuzimagatozi bwa fondasiyo</u> Fondasiyo igira ubuzimagatozi iyo imaze kwandikwa hakurikijwe iri tegeko. <u>Ingingo ya 18: Gusaba kwandikisha fondasiyo</u> Ushinga fondasiyo cyangwa uwashinzwe kurangiza irage mu gihe ari fondasiyo yashinzwe hakoreshejwe irage, ashidikiriza Umwanditsi ubusabe bwe yuzuza inyandiko yabigenewe, iherekejwe n'inyandiko za ngombwa kandi akishyura amafaranga yagenwe.	council informed of the progress of the registration of the foundation. If the registration of the foundation has not been effected after twelve (12) months from the death of the founder, an application is made by the executor to the court for the appointment of an administrator to ensure that the foundation is registered and that the endowment of the property to be the initial assets of the foundation be made as per the will. <u>Article 17: Legal personality of the Foundation</u> A foundation acquires the legal personality after it is registered in accordance with this Law. <u>Article 18: Application for registration of a foundation</u> A founder or an executor, in the case of a foundation established by a will, submits his or her application for registration of the foundation to the Registrar by filling the form designated for that matter, attaching the required documents and paying the prescribed fee.	informé de l'état d'avancement quant à l'enregistrement de la fondation. Si l'enregistrement de la fondation n'est pas effectué dans les douze (12) mois suivant le décès du fondateur, l'exécuteur testamentaire introduit une requête auprès de la juridiction pour la nomination d'un administrateur afin de s'assurer de l'enregistrement de la fondation et la dotation des biens en tant qu'actifs initiaux de la fondation conformément aux dispositions du testament. <u>Article 17 : Personnalité juridique d'une fondation</u> Une fondation acquiert la personnalité juridique après son enregistrement conformément à la présente loi. <u>Article 18: Demande d'enregistrement d'une fondation</u> Un fondateur ou un exécuteur testamentaire, en cas d'une fondation établie par voie testamentaire, procède à la demande d'enregistrement de la fondation auprès du Registraire en remplissant le formulaire dédié à cet effet, accompagné de documents requis et en payant les frais prescrits.
--	---	--

Iyo Umwanditsi ashyikirijwe ubusabe bwo kwandikisha fondasiyo bwujuje ibisabwa n'iri tegeko, akora ibi bikurikira: 1° kwandika ubusabe mu gitabo; 2° kwandika ibirebana na fondasiyo mu gitabo; 3° guha fondasiyo icyemezo cy'iyandikwa ryayo.	When the Registrar is satisfied that the applications meets all the requirements under this Law, he or she performs the following: 1° record the application in the register; 2° record the particulars of the foundation; 3° deliver to the foundation a certificate of registration.	Si le Registraire trouve que la demande remplit toutes les conditions requises par la présente loi, il fait ce qui suit : 1° inscrire la demande au registre ; 2° inscrire les coordonnées de la fondation au registre ; 3° délivrer à la fondation le certificat d'enregistrement.
<u>Ingingo ya 19: Ushinzwe kwandika fondasiyo</u> Fondasiyo y'inyungu bwite n'iy'inyungu zivanze yandikwa n'urwego rufite iterambere mu nshingano. Fondasiyo y'inyugu zisangiwe yandikwa n'urwego rufite imiyoborere mu nshingano.	<u>Article 19: In-charge of foundation registration</u> A private-benefit foundation and a mixed-benefit foundation are registered by the national organ having development in its attributions. A common-benefit foundation is registered by the national organ having governance in its attributions.	<u>Article 19: Responsable de l'enregistrement des fondations</u> La fondation d'utilité privée et la fondation d'utilité mixte sont enregistrées par l'organe national ayant le développement dans ses attributions. La fondation d'utilité commune est enregistrée par l'organe national ayant la gouvernance dans ses attributions.
<u>UMUTWE WA III: FONDASIYO MVAMAHANGA</u> <u>Ingingo ya 20: Iyandikwa rya fondasiyo mvamahanga</u> Fondasiyo yashinzwe ku buryo bukurikije amategeko y'ikindi gihugu ishobora	<u>CHAPTER III: FOREIGN FOUNDATIONS</u> <u>Article 20: Registration of a foreign foundation</u> A foundation legally established under the laws of another State may request to extend	<u>CHAPITRE III: FONDATIONS ÉTRANGÈRES</u> <u>Article 20: Enregistrement d'une fondation étrangère</u> Une fondation légalement établie en vertu des lois d'un autre État peut demander

kwagurira ibikorwa byayo cyangwa kwimukira mu Rwanda nka fondasiyo yashinzwe ikanandikwa hakurikijwe iri tegeko. Fondasiyo mvamahanga ishaka kwagurira ibikorwa byayo cyangwa kwimukira mu Rwanda isaba Umwanditsi kwagurira cyangwa kwimurira ibikorwa byayo mu Rwanda. Icyakora, fondasiyo ikomoka mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba cyangwa ikomoka mu bindi bihugu bifatanye n'u Rwanda amasezerano arebana na byo ifatwa nk'iyashingiwe mu Rwanda. <u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa kugira ngo fondasiyo mvamahanga yagurire cyangwa yimurire ibikorwa byayo mu Rwanda Kugira ngo fondasiyo mvamahanga yagurire cyangwa yimurire ibikorwa byayo mu Rwanda, igomba kugaragaza ibi bikurikira: 1° inyandiko isaba iriho imikono y'abagize urwego ruyobora fondasiyo;	its activities or re-domicile in Rwanda as a foundation established and registered under this Law. A foreign foundation willing to extend its activities or re-domicile in Rwanda applies to the Registrar to extend its activities or re-domicile in Rwanda. However, a foundation originating from a Partner State of the East African Community or from a State which entered into a relevant agreement with Rwanda enjoys national treatment. <u>Article 21:</u> Requirements for extension of the activities or re-domiciliation of a foreign foundation in Rwanda For extending activities or re-domiciliation of a foreign foundation in Rwanda, such a foundation must provide the following: 1° an application signed by the members of the governing body of the foundation;	d'étendre ses activités ou prendre domicile au Rwanda comme une fondation constituée et enregistrée en vertu de la présente loi. Une fondation étrangère voulant étendre ses activités ou redomicilier au Rwanda demande au Registraire d'étendre ses activités ou redomicilier au Rwanda. Toutefois, une fondation originaire d'un État membre de la Communauté d'Afrique de l'Est ou d'un État qui a signé un accord en la matière avec le Rwanda bénéficie du traitement national. <u>Article 21:</u> Conditions pour l'extension des activités ou la redomiciliation d'une fondation étrangère au Rwanda Pour étendre les activités ou redomicilier une fondation étrangère au Rwanda, cette fondation doit fournir les éléments suivants : 1° la demande signée par les membres de l'organe de direction de la fondation;
---	---	---

2° kopi y'inyandiko igaragaza ibiranga fondasiyo n'amategeko shingiro yayo n'awayishinze; 3° ibimenyetso bigaragaza uko fondasiyo ihagaze; 4° kopi y'icyemezo cy'iyandikwa rya fondasiyo; 5° ibindi bisabwa Umwanditsi ashobora kugena. Iyo ibisabwa biteganywa n'iri tegeko byuzuye Umwanditsi yandika fondasiyo mvamahanga akanatanga icyemezo cy'iyandikwa. <u>Ingingo ya 22: Ingaruka zo kwagurira cyangwa kwimurira mu Rwanda fondasiyo mvamahanga</u> Kwagura ibikorwa cyangwa kwimurira mu Rwanda fondasiyo mvamahanga ntibigira ingaruka ku: 1° mutungo washyizwe muri fondasiyo;	2° a copy of the statement containing the particulars of the foundation, its charter and its founder; 3° satisfactory evidence indicating the current standing of the foundation; 4° a copy of certificate of foundation registration; 5° any other requirements as may be determined by the Registrar. When the requirements provided for by this Law are fulfilled, the Registrar registers a foreign foundation and delivers a certificate of registration. <u>Article 22: Effects of extending activities and redomiciliation of a foreign foundation in Rwanda</u> The extension of activities or redomiciliation of a foreign foundation in Rwanda does not affect the following: 1° property vested in the foundation;	2° une copie de la déclaration contenant les coordonnées relatives à la fondation, son acte de constitution et son fondateur; 3° des preuves suffisantes relatives à la situation actuelle de la fondation ; 4° une copie du certificat d'enregistrement de la fondation ; 5° toutes autres exigences pouvant être déterminées par le registraire. Si toutes les conditions prévues par la présente loi sont remplies, le registraire procède à l'enregistrement d'une fondation étrangère et délivre le certificat d'enregistrement. <u>Article 22: Effets d'extension d'activités ou de redomiciliation d'une fondation étrangère au Rwanda</u> L'extension d'activités ou la redomiciliation d'une fondation étrangère au Rwanda n'affecte pas ce qui suit : 1° le patrimoine affecté dans la fondation;
--	--	--

2° burenganzira, umwihariko, inshingano cyangwa uburyozwe busanzweho, bwiyoungereye cyangwa busabwa fondasiyo; 3° gihano, ugutakaza uburenganzira cyangwa ihamwa n'icyaha bireba fondasiyo cyangwa umwe mu bayigize; 4° ikurikirana ry'urubanza, rwaba urw'imbonezamubano cyangwa urw'nshinjabyaha, rwaba rukiburanishwa, rureba fondasiyo cyangwa umwe mu bayigize, kandi iryo kurikirana ry'urubanza rikaba ryashyirwa mu bikorwa, ryakurikiranwa, ryakemurwa cyangwa ryakumvikanwaho na fondasiyo cyangwa rikayigiraho ingaruka cyangwa rikagira ingaruka kuri umwe mu bayigize.	2° rights, privileges, obligations or liabilities acquired, accrued or incurred by the foundation; 3° penalties, forfeiture or conviction incurred by the foundation or any of its members; 4° proceedings, whether civil or criminal, which may be pending by or against the foundation or against any of its members and such proceedings may be enforced, prosecuted, settled or compromised by or against the foundation or against one of its members.	2° les droits, les privilèges, les obligations ou les responsabilités acquis, courus ou encourus par la fondation; 3° les sanctions, la déchéance ou les condamnations encourues par la fondation ou l'un de ses membres; 4° les procédures, aussi bien civiles que pénales, pendantes par ou contre la fondation ou contre l'un de ses membres et ces procédures peuvent être exécutées, poursuivies, réglées ou compromises par ou contre la fondation ou contre l'un de ses membres.
<u>UMUTWE IV: IMITERERE YA FONDASIYO</u>	<u>CHAPTER IV: ORGANISATION OF A FOUNDATION</u>	<u>CHAPITRE IV: ORGANISATION D'UNE FONDATION</u>
<u>Ingingo ya 23: Imiterere ya fondasiyo</u>	<u>Article 23: Organisation of the foundation</u>	<u>Article 23: Organisation d'une fondation</u>
Imiterere ya fondasiyo ni iyi ikurikira:	The organisation of the foundation is as follows:	L'organisation d'une fondation se présente comme suit:

1° Uwashinze fondasiyo; 2° Uwashinzwe kurangiza irage iyo ari fondasiyo yashinzwe hakoreshejwe irage; 3° Umurinzi wa fondasiyo; 4° Inama ya fondasiyo; 5° Umunyamabanga Nshingwabikorwa ; 6° Umugenerwabikorwa. <u>Icyiciro cya mbere: Uwashinze fondasiyo</u> <u>Ingingo ya 24: Ibiranga uwashinze fondasiyo</u> Uwashinze fondasiyo ashobora kuba umuntu ku giti cye cyangwa benshi, cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi. Iyo fondasiyo ifite uwayishinze urenze umwe, uburenganzira uwayishinze agira cyangwa yizigamira bushobora gukoreshwa gusa n'abayishinze bose icyarimwe, keretse mu gihe amategeko shingiro ya fondasiyo abiteganyanya ukundi.	1° the founder; 2° the executor; 3° the guardian of a foundation; 4° the foundation Council; 5° the Executive Secretary 6° the beneficiary. <u>Section One: The founder</u> <u>Article 24: Characteristics of a founder</u> A founder may be one or more natural persons or a legal entity. If a foundation has more than one founder, the rights to which a founder is entitled or which are reserved to the founder may only be exercised jointly by all founders unless the foundation charter provides otherwise.	1° le fondateur; 2° exécuteur testamentaire; 3° le gardien d'une fondation; 4° le Conseil d'une fondation; 5° le Secrétaire exécutif; 6° le bénéficiaire. <u>Section première: Le fondateur</u> <u>Article 24: Caractéristiques d'un fondateur</u> Un fondateur peut être une ou plusieurs personnes physiques ou une personne morale. Lorsqu'une fondation a plus d'un fondateur, les droits auxquels peut prétendre un fondateur ou qui sont réservés au fondateur peuvent être exercés uniquement de manière conjointe par tous les fondateurs sauf si l'acte de constitution en prévoit autrement.
--	---	--

Uwashinze fondasiyo ashobora no kuba umugenerwabikorwa wayo. <u>Ingingo ya 25 : Uburenganzira bw'uwashinze fondasiyo</u> Uwashinze fondasiyo afite uburenganzira kuri fondasiyo no ku mutungo wayo nk'uko amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere agenga fondasiyo abiteganya. Uburenganzira uwashinze fondasiyo yagira kuri fondasiyo no ku mutungo wayo bushobora guhererekanywa ku wundi muntu cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi, mu gihe amategeko shingiro cyangwa amategeko ngengamikorere abiteganya. <u>Ingingo ya 26: Ingaruka z'urupfu rw'uwashinze fondasiyo</u> Iyo uwashinze fondasiyo apfuye cyangwa iyo undi muntu cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi byahawe uburenganzira n'urwayishinze burebana n'umutungo batakiraho, ubwo burenganzira buhabwa umurinzi wa fondasiyo, keretse iyo amategeko shingiro ya fondasiyo abiteganya ukundi.	A founder may be also beneficiary of a foundation of which he or she is the founder. <u>Article 25: Rights of a founder</u> A founder has rights in respect of the foundation and its property as provided in the foundation charter and regulations. Any rights that a founder may have in respect of a foundation and its property may be assigned to some other person or entity if the charter or regulations of the foundation so provide. <u>Article 26: Effects of the death of a founder</u> In the event of the death of the founder or if any other person or entity to whom founder rights in respect of property have been transferred ceases to exist, those rights are vested in the guardian of the foundation, unless the foundation charter provides otherwise.	Un fondateur peut être également le bénéficiaire d'une fondation qu'il a constituée. <u>Article 25 : Droits d'un fondateur</u> Un fondateur détient des droits vis-à-vis de la fondation et de son patrimoine tel que prévu dans l'acte de constitution et les règlements de la fondation. Tous les droits détenus par un fondateur vis-à-vis de la fondation et de son patrimoine sont transférables à toute autre personne ou entité si l'acte de constitution ou les règlements de la fondation le prévoient. <u>Article 26: Effets du décès d'un fondateur</u> En cas de décès du fondateur ou si toute autre personne ou entité à qui des droits de fondateur sur le patrimoine ont été transférés cesse d'exister, ces droits sont dévolus au gardien de la fondation, sauf si l'acte de constitution de la fondation en prévoit autrement.
--	--	---

<u>Ingingo ya 27: Ivanwaho cyangwa ihindurwa ry'inyandiko y'ishingwa rya fondasiyo</u> Uwashinze fondasiyo ashobora kuyivanaho cyangwa gusaba ko inyandiko y'ishingwa ryayo ihindurwa mu bihe bikurikira: 1° iyo uwashinze fondasiyo yizigamiye ubwo burenganzira mu nyandiko y'ishingwa ya fondasiyo no mu mategeko shingiro byayo; 2° iyo fondasiyo yashinzwe n'abantu barenze umwe, ubwo burenganzira bushobora kugirwa na buri wese mu bayishinze wabwizigamiye. Iyo uwashinze fondasiyo atari umuntu ku giti cye, uburenganzira bwo kuyivanaho cyangwa guhindura inyandiko y'ishingwa ryayo ntibushobora kuzigamwa. Uhagarariye uwashinze fondasiyo ashobora gukoresha uburenganzira bwo kuyivanaho cyangwa guhindura inyandiko y'ishingwa rya fondasiyo binyuze mu nyandiko mpeshabubasha kandi ingaruka zo mu mategeko zikagarukira uwayishinze ku buryo butaziguye.	<u>Article 27: Revocation or amendment of the declaration of establishment of a foundation</u> A founder may revoke or request to amend the declaration of establishment of a foundation in the following circumstances: 1° when a founder has reserved rights for himself or herself for that purpose in the declaration of establishment and in the charter of the foundation; 2° in case the foundation has been formed by more than one founder, the right may be exercised by each individual founder who has reserved for himself or herself that right. If the founder is a legal entity, the right for revocation or amending the declaration of establishment cannot be reserved. A representative of the founder may exercise the right for revocation or amending the declaration of establishment only by way of power of attorney and the legal consequences return directly to the founder.	<u>Article 27: Révocation ou modification de la déclaration de constitution d'une fondation</u> Un fondateur peut révoquer ou demander la modification de la déclaration de constitution d'une fondation dans les circonstances suivantes: 1° lorsque le fondateur s'est réservé des droits à cet effet dans la déclaration de constitution et l'acte de constitution; 2° lorsque la fondation a été établie par plus d'un fondateur, ce droit peut être exercé par chacun des fondateurs s'étant réservé ce droit. Lorsque le fondateur est une personne morale, le droit de révocation ou de modification de la déclaration de constitution ne peut pas être réservé. Un représentant du fondateur peut exercer le droit de révocation ou de modification de la déclaration de constitution uniquement par procuration et les conséquences légales y relatives sont directement portées sur le fondateur.
--	--	--

Iyo uwashinze fondasiyo wizigamiye uburenganzira bwo kuyivanaho cyangwa guhindura inyandiko y'ishingwa ryayo ari n'umugenerwabikorwa usigaye wa fondasiyo, abandi bagenerwabikorwa ntibagira uburenganzira kuri ayo makuru n'itangwa ryayo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	If a founder who has reserved his or her rights to revoke the foundation or amending the declaration of establishment is also remaining beneficiary under the foundation, the other beneficiaries are not entitled to the information and disclosure rights under this Law.	Lorsqu'un fondateur qui s'est réservé le droit de révoquer une fondation ou de modification de la déclaration de constitution est en même temps un bénéficiaire restant de la fondation, les autres bénéficiaires ne prétendent pas aux droits d'information et de divulgation en vertu de la présente loi.
<u>Icyiciro cya 2: Umurinzi wa fondasiyo</u>	<u>Section 2: The guardian of a foundation</u>	<u>Section 2 : Le gardien d'une fondation</u>
<u>Ingingo ya 28: Ishyirwaho ry'umurinzi wa fondasiyo</u>	<u>Article 28: Appointment of a guardian of the foundation</u>	<u>Article 28 : Nomination d'un gardien d'une fondation</u>
Amategeko shingiro ya fondasiyo ateganya ishyirwaho ry'umurinzi wa fondasiyo kandi ateganya nibura ibi bikurikira:	A foundation charter provides for appointment of a guardian of the foundation and determines at least the following:	Un acte de constitution d'une fondation prévoit la nomination d'un gardien d'une fondation et détermine au moins ce qui suit:
1° kugaragaza umurinzi wa mbere wa fondasiyo; 2° uburyo bwo gusezera cyangwa gusezererwa bw'umurinzi wa fondasiyo, ubwo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru n'uko umurinzi wa fondasiyo mushya ashwirwaho; 3° ibihembo by'umurinzi wa fondasiyo iyo biteganyijwe.	1° identification of an initial guardian of the foundation; 2° modalities of resignation or dismissal of a guardian of the foundation, of retirement and appointment of a new guardian of the foundation; 3° foundation guardian's remuneration, if any.	1° l'identification d'un gardien initial de la fondation; 2° les modalités de démission ou de révocation d'un gardien de la fondation, de retraite et de nomination d'un nouveau gardien d'une fondation; 3° la rémunération du gardien d'une fondation, le cas échéant.
Uwashinze fondasiyo ashobora kuba umurinzi wayo. Icyakora, ugize inama ya	A founder of the foundation may be its guardian. However, a member of the	Un fondateur de la fondation peut en être gardien. Toutefois, un membre du conseil

fondasiyo ntashobora gushyirwaho nk'umurinzi wa fondasiyo. <u>Ingingo ya 29: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umurinzi wa fondasiyo</u> Kugira ngo umuntu abe umurinzi wa fondasiyo, agomba kuba atari umwe mu bagize inama ya fondasiyo kandi yujuje nibura ibi bikurikira: iyi ari umuntu ku giti cyeye agomba kuba: 1° yujuje imyaka y'ubukure; 2° adafite ubumuga bwo mu mutwe byemejwe na muganga; 3° atarahamijwe burundu n'urukiko rwo mu Rwanda cyangwa urw'ahandi kimwe muri ibi byaha bikurikira: a) uburiganya cyangwa ubuhemu; b) iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbu;	foundation council cannot be appointed as a guardian. <u>Article 29: Requirements to be a guardian of the foundation</u> For being appointed as a guardian of the foundation, a person must not be a member of the foundation council and must fulfil at least the following: if it is a natural person, he or she must: 1° be of the majority age; 2° have no mental disability certified by a medical doctor; 3° have not been definitively convicted in Rwanda or elsewhere of any of the following offences: a) fraud or breach of trust; b) money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	de la fondation ne peut pas être nommé gardien. <u>Article 29: Conditions pour être gardien de la fondation</u> Pour être nommée gardien d'une fondation, une personne ne doit pas être un membre du conseil de la fondation et doit remplir au moins ce qui suit : lorsque c'est une personne physique elle doit : 1° avoir atteint la majorité ; 2° ne pas avoir été frappée d'une incapacité mentale attestée par le médecin ; 3° ne pas avoir été définitivement condamnée au Rwanda ou ailleurs pour l'un des infractions suivantes : a) escroquerie ou abus de confiance ; b) blanchiment de capitaux, financement du terrorisme et financement de la prolifération des armes de destruction massive;
---	---	---

c) iterabwoba; d) ibimunga ubukungu n'imari; e) ibyibasira inyoko muntu; f) jenocide, ingengabitekerezo ya jenocide cyangwa ibindi byaha bifitanye isano nayo. iyi ari ikigo gifite ubuzimagatozi kigomba kuba: 1° kitari mu gihombo; 2° kitari mu nzira z'iseswa. Amategeko shingiro ya fondasiyo akena ibindi bisabwa kugira ngo umuntu abe umurinzi wayo. <u>Ingingo ya 30: Inshingano z'umurinzi wa fondasiyo</u> Umurinzi wa fondasiyo afite inshingano zikurikira: 1° gukora ibishoboka byose buri gihe kugira ngo inama ya fondasiyo yuzuze inshingano zayo;	c) terrorism; d) economic crimes; e) crimes against humanity; f) genocide, genocide ideology or other related crimes. if it is a legal entity, it must: 1° have not been declared bankrupt; 2° not be under liquidation. The foundation charter determines other requirements for a person to be appointed as its guardian. <u>Article 30: Duties of the guardian of a foundation</u> A guardian of the foundation has the following duties: 1° to take reasonable steps in all circumstances to ensure that the foundation council carries out its functions;	c) terrorisme ; d) crimes économiques ; e) crimes contre l'humanité ; f) génocide, idéologie de génocide ou d'autres crimes connexes. lorsque c'est une personne morale, elle doit : 1° ne pas être en faillite ; 2° ne pas être en liquidation. L'acte de constitution de la fondation détermine d'autres conditions pour qu'une personne soit nommée en tant que son gardien. <u>Article 30: Attributions du gardien d'une fondation</u> Un gardien d'une fondation a les attributions suivantes: 1° prendre des mesures raisonnables en toutes circonstances pour s'assurer que le conseil de la fondation exerce ses fonctions;
---	--	---

2° gusaba inama ya fondasiyo kugaragaza imicungire y'umutungo wa fondasiyo n'uburyo iyo nama ishyira mu bikorwa ibyo fondasiyo igamije;	2° to request the foundation council to provide justification on the administration of the foundation's property and the way the council is carrying out the foundation's objectives	2° exiger du conseil de la fondation la justification du patrimoine de la fondation et de la manière dont le conseil réalise les objectifs de la fondation;
3° kwemeza cyangwa kwanga igikorwa icyo ari cyo cyose cy'inama ya fondasiyo, iyo ubwo bubasha bwahawe umurinzi wa fondasiyo mu mategeko shingiro ya fondasiyo;	3° to approve or disapprove any action of the foundation council, if such powers have been conferred to the guardian of a foundation under the charter of the foundation;	3° approuver ou désapprouver toute action du conseil de la fondation, si de tels pouvoirs ont été conférés au gardien d'une fondation en vertu d'acte de constitution de la fondation;
4° kwemeza cyangwa kwemerera igikorwa icyo ari cyo cyose cyakozwe cyangwa kigomba gukorwa n'inama ya fondasiyo kitakwemezwa ukundi n'amategeko shingiro cyangwa amategeko ngengamikorere ya fondasiyo, keretse amategeko shingiro ya fondasiyo abiteganya ukundi;	4° to sanction or authorize any action taken or to be taken by the foundation council that would not otherwise be permitted by the foundation charter or regulations, unless the foundation charter provides otherwise;	4° sanctionner ou autoriser toute mesure prise ou à entreprendre par le conseil de la fondation qui ne serait pas permise autrement par l'acte de constitution ou les règlements de la fondation, à moins que l'acte de constitution de la fondation n'en prévoie autrement ;
5° gukoresha ububasha ahabwa n'amategeko shingiro ya fondasiyo ndetse n'iri tegeko mu nyungu za fondasiyo kandi mu kuri.	5° to exercise its powers conferred under the foundation charter and this Law in the best interest of the foundation and in good faith.	5° exercer les pouvoirs lui conférés en vertu de l'acte de constitution d'une fondation et de la présente loi dans le meilleur intérêt de la fondation et de bonne foi.

<u>Icyiciro cya 3: Inama ya fondasiyo</u>	<u>Section 3: The foundation council</u>	<u>Section 3 : Le conseil d'une fondation</u>
<u>Ingingo ya 31:</u> Abagize inama ya fondasiyo Inama ya fondasiyo igizwe n'abantu nibura batatu (3) harimo nibura umwe ugomba kuba atuye mu Rwanda. Abagize inama ya fondasiyo bashyirwaho hashingiwe ku biteganywa n'amategeko shingiro ya fondasiyo kandi akagena imiterere n'imikorere yabo. Abagize inama ya fondasiyo bashobora gukora imirimo yabo bahembwa cyangwa badahembwa. Iyo abagize inama ya fondasiyo bakora badahembwa, inyandiko y'ishingwa rya fondasiyo ishobora kugira ibyo ibasonera ku bijyanye n'uburyozwe. Iyo ishyirwaho rikozwe mbere yo kwandikisha fondasiyo, abagize Inama ya fondasiyo bashobora gushyirwaho n'uwashinze fondasiyo cyangwa mu gihe amategeko shingiro ya fondasiyo ari irage, bagashyirwaho n'uwashinzwe kurangiza irage cyangwa gucunga umutungo.	<u>Article 31: Membership of the foundation council</u> The foundation council is composed of at least three (3) members, and one of them must be resident in Rwanda. Members of the foundation council are appointed as per the provisions of the foundation charter that also determines their organisation and functioning. Members of the foundation council can perform their activities with or without remuneration. If members of the foundation council perform their activities without remuneration, the declaration of establishment may provide some exemptions concerning liability. Where an appointment is made before registration of a foundation, members of the council may be appointed by the founder or where the foundation charter is a will, by the executor or administrator.	<u>Article 31: Composition du conseil d'une fondation</u> Le conseil d'une fondation est composé d'au moins trois (3) membres, dont l'un doit résider au Rwanda. Les membres du conseil d'une fondation sont nommés selon les dispositions de l'acte de constitution de cette fondation qui détermine également leur organisation et fonctionnement. Les membres du conseil d'une fondation peuvent exercer leurs activités avec ou sans rémunération. Si les membres du conseil de la fondation exercent leurs activités sans rémunération, l'acte de constitution de cette fondation peut comporter certaines exonérations en ce qui concerne la responsabilité. Lorsque la nomination est faite avant l'enregistrement d'une fondation, les membres du conseil peuvent être nommés par le fondateur ou, lorsque l'acte de constitution est un testament, par l'exécuteur testamentaire ou l'administrateur.

Ikigo gifite ubuzimagatozi gishobora kuba ugize inama ya fondasiyo. Amategako agenga abagize inama ya fondasiyo anagenga abashobora kuba babahagararira. Abagize inama ya fondasiyo bashyira umukono ku nyandiko, ku buryo uwo umukono uba ushyizweho mu izina rya fondasiyo. <u>Ingingo ya 32: Inshingano z'inama ya fondasiyo</u> Inama ya fondasiyo ifite inshingano y'ibanze yo gucunga umutungo wa fondasiyo no kuyigeza ku ntego zayo hashingiwe kuri iri tegeko, ku mategeko shingiro ya fondasiyo no ku mategeko ngengamikorere yayo. By'umwihariko, inshingano z'Inama ya fondasiyo ni izi zikurikira: 1° gucunga ibikorwa bya fondasiyo no kuyihagarira imbere y'amategako; 2° kugenzura iyubahirizwa ry'intego n'imigambi bya fondasiyo hubahirizwa ibiteganyijwe n'iri	A legal entity may be member of the foundation council. The provisions governing members of the foundation council apply also to their possible representatives. Members of the foundation council sign in such manner that they append their signature to the name of the foundation. <u>Article 32: Responsibilities of the foundation council</u> The main responsibility of the foundation council is to administer the foundation's property and carry out its objectives in accordance with this Law, the foundation's charter and its regulations. In particular, responsibilities of the foundation council are as follows: 1° to manage the business of the foundation and represent it before the law; 2° to monitor the fulfilment of the purpose and objectives of the foundation in compliance with the	Une personne morale peut être membre du conseil d'une fondation. Les dispositions régissant les membres du conseil de la fondation s'appliquent également à leurs éventuels représentants. Les membres du conseil de la fondation signent de telle manière qu'ils apposent leur signature au nom de la fondation. <u>Article 32: Attributions du conseil de la fondation</u> Le conseil de la fondation a l'attribution principale d'administrer le patrimoine de la fondation et de réaliser ses objectifs conformément à la présente loi, à l'acte de constitution de la fondation et à ses règlements. En particulier, les attributions du conseil de la fondation sont les suivantes : 1° gérer les affaires de la fondation et la représenter devant la loi ; 2° assurer le suivi de la réalisation de l'objet et des objectifs de la fondation conformément aux dispositions de la
---	---	---

tegeko n'ingingo z'amategeko shingiro ya fondasiyo; 3° gufata ingamba zihamye kugira ngo inyandiko za fondasiyo zitegurwe kandi zibikwe neza kandi zibe zisobanutse, by'umwihariko zikubiyemo ingano yose y'amafaranga fondasiyo yakiriye n'ayo yakoresheje hagaragazwa aho yaturutse n'uburyo yakoreshejwe hamwe n'inyandiko y'umutungo n'amadeni bya fondasiyo harimo imigabane, inyungu n'ibice fatizo fondasiyo ifite mu bindi bigo bifite ubuzimagatozi cyangwa hashingiwe ku masezerano; 4° kugenzura inyandiko z'icungamutungo zigomba kubikwa hashingiwe ku gace ka 3° imaze gutanga integuza yanditse y'iminsi ibiri (2) y'akazi igenewe umunyamabanga nshingwabikorwa wa fondasiyo. Inama ya fondasiyo igomba kuzura inshingano zayo no gushyira mu bikorwa ububasha bwayo mu kuri, ikoresheje ubushishozi kandi mu nyungu za fondasiyo.	provisions of this Law and the charter of the foundation; 3° to take appropriate steps to ensure that the foundation's records are prepared and kept properly and accurately and that, in particular, they contain entries of all sums of money received and spent by the foundation, the matters in respect of which the receipt and expenditure takes place and a record of the assets and liabilities of the foundation, including shares, interests and units held by the foundation in any other legal entities or arrangement. 4° to inspect the accounting records required to be kept as per item 3° upon giving a two (2) working days' notice in writing to the executive secretary of the foundation. The foundation council must deliver its duties and exercise its powers in good faith with diligence and in the interest of the foundation.	présente loi et à l'acte de constitution de la fondation ; 3° prendre des mesures appropriées pour s'assurer que les registres de la fondation sont tenus correctement et fidèlement et que, notamment, ils contiennent les inscriptions de toutes les sommes d'argent reçues et dépensées par la fondation, les matières à l'égard desquelles la réception et les dépenses ont lieu et un registre des actifs et des passifs de la fondation, y compris les actions, intérêts et parts détenues par la fondation dans toute autre personne morale ou sur base d'un accord; 4° inspecter les documents comptables qui doivent être tenus tel que prévu au point 3° après un avis écrit de deux (2) jours ouvrables au secrétaire exécutif de la fondation. Le conseil de la fondation doit s'acquitter de ses attributions et exercer ses pouvoirs de bonne foi avec diligence raisonnables et dans l'intérêt de la fondation.
--	---	--

<u>Ingingo ya 33 : Ibyo ugize inama ya fondasiyo agomba kuba yujuje</u>	<u>Article 33: Requirements for membership to the foundation council</u>	<u>Article 33: Conditions requises pour avoir la qualité de membre au conseil de la fondation</u>
Umuntu kugira ngo abe ugize inama ya fondasiyo agomba kuba nibura:	For being appointed a member of the foundation council, a person must at least:	Pour être nommée membre du conseil de la fondation, une personne doit au moins :
1° yujuje imyaka y’ubukure; 2° adafite ubumuga bwo mu mutwe byemejwe na muganga; 3° atarahamijwe burundu n’urukiko rwo mu Rwanda cyangwa urw’ahandi kimwe muri ibi byaha bikurikira: a) uburiganya cyangwa ubuhemu; b) iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwara za kirimbu; c) iterabwoba; d) ibimunga ubukungu n’imari; e) ibyibasira inyoko muntu;	1° be of the majority age; 2° have no mental disability certified by a medical doctor; 3° have not been definitively convicted in Rwanda or elsewhere of any of the following offences: a) fraud or breach of trust; b) money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction; c) terrorism d) economic crimes; e) crimes against humanity;	1° avoir atteint l’âge de majorité; 2° ne pas avoir été frappée par une incapacité mentale attestée par un médecin; 3° ne pas avoir été définitivement condamnée au Rwanda ou ailleurs pour l’une des infractions suivantes : a) escroquerie ou abus de confiance ; b) blanchiment de capitaux, financement du terrorisme et financement de la prolifération des armes de destruction massive; c) terrorisme ; d) crimes économiques ; e) crimes contre l’humanité ;

